# 239: Nkuko ba banyabwenge Barebye ya nyenyeri

1. Nkuko ba banyabwenge Barebye ya nyenyeri, Bakayikurikira N'umunezero mwinshi, Natwe twifuze dutyo Kureb' Umwami Yesu.

2. bo batebutse vuba gushak'urwo ruhinja; bararupfukamira,ni rwo Mwami w'ijuru;natwe dushake Yesu twiboner'Umukiza

3. Bah' Umwan' amaturo Y'igiciro kinini; Baramurabukira, Urut'ab'isi bose : Natwe tugire dutyo, Duhe Yes' imitima.

4. Yes' Uwera w'Imana, Uturindir' iteka Mu nzira yaw' ifunganye; Hanyum' uzatujyane Mu bwami bwo mw ijuru, Ah' umwijim' utaba.

5. Abo mw ijuru bose, Nta tabaza bifuza : Ni Wowe mucyo waho N'izuba ritarenga. Yes' uzatujyaneyo, Tuguhimbaz' iteka.

Visit us at indirimbo.com